*Gashyantare 2023* *ikinyarwanda*

# Ndakunzwe!

**Kontakt:** *Meinolf Wacker*
*Kirchplatz 7*
*59174 Kamen*

*Mobil.:* *+49-172-5638432*
*Mail:* *meinolf.wacker@go4peace.eu*
*Homepage* *www.go4peace.eu*

**Yezu aramwitegereza,**
**ni uko aramuhobera.** (Mk 10,21)

Nshuti bakunzi ba go4peace,

uko waba ungana kose, waba umugore cyangwa umugabo, utuwemo n'icyifuzo cyo gukundwa! Rimwe na rimwe ubuzima buduha ibihe bidufasha kuzuza icyo cyifuzo. Abahanga mu miterere ya muntu bita ibyo bihe „ubunararibonye bwo kubaho". Mu myaka itanu ishize nahawe kunyura muri ibyo bihe. Nari kumwe n'inshuti zanjye mu misozi aho twari twagiye gutembera. Mu butumburuke burenze Metero 2500 ni ho twashinze ihema ryacu. Iryo joro sinashoboye gusinzira. Ni uko mfata agasambi kanjye nkarambura ku rutare rwari aho ubundi nkirambikaho. Hejuru yanjye habengeranaga inyenyeri. Mu kanya gato numvise ntwawe n'ibyo bihe narimo ku buryo amarira yahise atemba. Natekerezaga ukuntu njye, umuntu w'ubusabusa mfite umwanya muri iryo sanzure narebaga ritagira iherezo. Numvise ko mfite ubuzima bwanjye bwite nihariye. Nahise nsobanukirwa ni uko: Ndiho kuko Imana ibishaka, kandi nkunzwe! Iki cyizere ntikigeze kimva mu mutima.

Ibihe nk'ibyo ni byo umusore umwe uvugwa muri Bibiliya yanyuzemo. Yari yarakurikije amategeko yose ya kiyahudi, ariko yumvaga bitamuhagije. Ntiyari anyuzwe. Iyo nyota yari yifitemo ni yo yamuzanye imbere ya Yezu. Yezu yahise amenya ibyo yatekerezaga. Yumvise icyifuzo uwo musore yari afite cyo gukundwa. Ni uko Yezu aramwitegereza ahera ko aramuhobera.

Uko ni ko umuhamagaro ugenda. Ubuzima buraguhobera. Usobanukirwa n'uko washyiriweho umugambi ukomeye. Uriyemeza ukabaduka. Umunsi umwe nahuye na Yulia, umukobwa uva muri Ukrene. Aturuka mu gace kitwa Kherson. Amarira amuzenga mu maso yantekerereje ukuntu ibitaro by'ahitwa Luchansky mu mugi yari atuyemo nta mashanyarazi byari bifite. Twari twagerageje gukusanya moteri 9 zitanga amashanyarazi. Gusa ku isoko nta n'imwe yari ikihasigaye. Ariko numvaga ijwi rimbwira riti: Gerageza na none! Nyuma y'amasaha abiri nshakisha kuri Interineti nungutse igitekerezo: Komeza ushakishe, nibura undi munota umwe. Narakomeje ndashakisha. Kuri urwo rubuga nashakiragaho, ahari handitse ko Moteri zose zagurishijwe ndetse bidashoboka ko bagira iyo bohereza, nahasanze ubundi bwoko bwa moteri bufite ubushobozi bwa Kilowati 7,5. Nyuma y'iminsi mike yari yangezeho. Ubwo umushoferi wari uyinzaniye yayipakururaga, namubwiye ko ngiye kuyohereza muri Ukrene ahitwa Kherson!". Yahise afatwa n'amarangamutima ankoma ku rutugu arambwira ati: „Unkoreye umunsi! – Mbashimiye ubwitange mufitiye gufasha abantu. Nturuka muri Libani. Kubona ubufasha nzi icyo bisobanuye". Muri uwo mwanya nongeye kumva uburyo nkunzwe, ubuzima bumpobeye, Imana impobeye. Byemere: Nawe ubuzima burashaka kuguhobera no kukwereka ko: **Urakunzwe** – ukunzwe bitagira iherezo!

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker